# 115: Nabonye umukunzi Mwiza

1.
Nabonye umukunzi mwiza yarankunze ntamuzi
Yamfatishije umugozi, arirwo rukundo rwe.
Izo ngoyi ze zanteye kuba imbata ye rwose.
Njye ndi uwe, nawe ni uwanjye kugeza iteka ryose.

2.
Nabonye umukunzi mwiza kera yaramfiriye
Yaranguze ampa ubugingo nawe yaranyihaye.
None ibintu mfite byose ntabwo nkibigundira.
Ibyo ntunze nanjye ubwanjye ni iby'uwo mucunguzi!!

3.
Nabonye umukunzi mwiza byose arabishobora.
Ajya andinda akaga kose munzira ijya mu ijuru.
Kumuhanga amaso iteka bizankiza intege nke.
Nshira ubwoba, nshira ubute,nyuma, nzatabaruka!!

4.
Nabonye umukunzi mwiza niwe nyiri imbabazi.
Niwe mujyanama wange. Niwe undengera iteka.
Nta kubaho nta n'urupfu, nta n'abadayimoni,
Ntabya none, ntabizaza byazantanya Na Yesu !!

Visit us at indirimbo.com